# FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS - INKOTANYI

## IMYANZURO Y'INAMA NKURU YA 17 Y'UMURYANGO FPR INKOTANYI

Kuwa gatanu tariki 19 Ukuboza 2025, ku cyicaro gikuru cy'Umuryango FPR Inkotanyi I Rusororo mu karere ka Gasabo hateraniye Inama Nkuru ya 17 y'Umuryango FPR Inkotanyi iyobowe na Nyakubahwa KAGAME Paul, Chairman w'Umuryango FPR Inkotanyi akaba na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.

Kuri gahunda y'inama hari ingingo zikurikira:

1. Ijambo rya Nyakubahwa Chairman w'Umuryango FPR-Inkotanyi akaba na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda ritangiza inama.
2. Kwemeza umushinga w'ivugururwa ry'amategeko y'Umuryango FPR Inkotanyi.
3. Kugezwaho ibiganiro ku ngingo zikurikira:

    - "Kubaka umusingi uhamye w'Igihugu cyacu".
    - "Umwanya w'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga".

4. Ijambo rya Nyakubahwa Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI risoza inama.

Mu ijambo rya Chairman w'Umuryango FPR Inkotanyi Nyakubahwa KAGAME Paul, yabwiye Abanyamuryango ko Umuryango uhora wisuzuma aho bibaye ngombwa ukivugurura.

Yasabye ko buri Munyamuryango yajya ahora yisuzuma mu mikorere ye, abihuza n'aho ibihe bigeze haba mu Gihugu no ku Isi hose kugira ngo anoze inshingano ze. Yibukije ko muri FPR Inkotanyi, umuntu aba akwiye gutekereza ku nshingano ze ku giti cye, mu bwisanzure, ariko azirikana gukorera hamwe n'abandi.

Nyakubahwa Chairman yibukije kandi ko abantu bakuru bagomba kwitwara neza kugira ngo babere icyitegererezo urubyiruko. Yashimangiye ko abayobozi mu nzego zose bagomba guhora batekereza ku nshingano bafite zo guteza imbere imibereho y'abaturage babaha serivisi bakwiye ku gihe.

Nyakubahwa Chairman yibukije ko nk'Abanyarwanda tugomba gusigasira indangagaciro z'umuco nyarwanda, twibanda cyane cyane ku kunoza imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda ndetse tunimakaza n'ibindi byiza biri mu muco wacu.

Nyakubahwa Chairman yasabye urubyiruko kwimakaza uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu bashishikarira gufatanya n'abandi gukemura ibibazo bihari. Yabasabye kandi kwirinda ingeso mbi z'ubusinzi, ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'izindi zagira ingaruka ku buzima bwabo.

Abanyamuryango bagejejweho ikiganiro ku kubaka umusingi uhamye w'Igihugu cyacu, n'ikindi kivuga ku mwanya w'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga, babyunguranaho ibitekerezo.

Abitabiriye Inama Nkuru y'Umuryango FPR Inkotanyi:

1. Biyemeje gusuzuma no kuvugurura imiterere, imikorere n'imikoranire y'inzego kugira ngo zirusheho gutanga umusaruro, bijyanye n'igihe tugezemo hasigasiwe amahame remezo n'indangagaciro Umuryango FPR Inkotanyi ushingiyeho.

2. Biyemeje kurushaho kunoza imitangire ya serivisi no kwegera abaturage kugira ngo babakemurire ibibazo ku gihe by'umwahariko kurwanya akarengane, kuko Umuryango FPR Inkotanyi ariyo nkingi y'iterambere ry'Igihugu.

3. Bemeje ishyirwaho ry'urwego rw'Inararibonye rw'Umuryango FPR Inkotanyi.

4. Bemeje ivugururwa ry'ingingo z'amategeko y'Umuryango FPR Inkotanyi agena:

   I. Imiterere ya Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu hongerwamo Visi Perezida wa kabiri n'Umunyamabanga Mukuru Wungirije.

   II. Inshingano, imiterere n'imikorere by'urwego rw'Inararibonye rw'Umuryango FPR Inkotanyi.

5. Batoye ku bwumvikane busesuye Abayobozi bashya muri Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu hashingiwe ku mavugururwa yakozwe ku ngingo z'amategeko, ku mwanya wa Visi Perezida wa Mbere, Visi Perezida wa Kabiri, Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije aribo:

   - Hon. Uwimana Consolée, Visi Perezida wa Mbere
   - Hon. Kayisire Marie Solange, Visi Perezida wa Kabiri
   - Amb. Bazivamo Christophe, Umunyamabanga Mukuru
   - Bwana Gasana Karasanyi Stephen, Umunyamabanga Mukuru Wungirije

6. Biyemeje kwimakaza umuco nyarwanda by'umwihariko kunoza imivugire, imyandikire, n'imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

7. Biyemeje kunoza ubukangurambaga mu Muryango FPR Inkotanyi hashingiwe ku mahame n'indangaciro byubaka ireme ry'Abanyamuryango bose bifasha Igihugu gukemura ibibazo bijyanye n'aho ibihe bigeze, haba mu Gihugu cyangwa ku Isi.

8. Biyemeje guhwitura abakuru kugira ngo babere urugero rwiza abato, no kuzirikana ibyo urubyiruko rukeneye mu rugendo rw'iterambere.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 19/12/ 2025**

**Amb. Christophe Bazivamo**

**Umunyamabanga Mukuru**

FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS FPR INKOTANYI B.P. 195 KIGALI